Letter from the Rwandan Bar Association, dated 14 September 2015, attaching a list of 68 counsel qualified to defend in transfer cases and uncertified translation

OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION

**Rwanda Bar Association**

Kigali 14 September 2015

O/Ref. Let 379/DO/MA/09/2015

**To the Honourable Minister of Justice/****Attorney General****KIGALI****Subject: List of Counsels whose services may be relied upon in criminal cases of indigent and needy Accused persons transferred to Rwanda.**

Honourable Minister,

Please refer to my letter ref: Let 368/DO/MA/2015 of 9 September 2015 forwarding a list of 66 counsels that are ready to provide judicial and legal assistance to indigent Accused persons transferred before Rwandan courts, in accordance with the agreement between our two institutions related to providing judicial and legal assistance to Accused persons and signed in May 2015.

Allow me to inform you that an error was committed while preparing the said list as two lawyers who had submitted their applications were inadvertently not put thereon. These are namely: **Counsel Isacaar Hishamunda** and **Counsel Abubakar Gashirabake**

I am therefore forwarding the present list of 68 lawyers in replacement of the former one.

Thanking you for your understanding and collaboration.

Yours sincerely

**Counsel Anita MUGENI****President of the Council of the Bar Association**

c.c.:

- The President of the Supreme Court/President of the Supreme Council of the Magistracy
- The Prosecutor General
- The President of the High Court
- The Commissioner General of the Rwanda Correctional Service (R.C.S)
- The Director General, Criminal Investigation Department (CID).



2015

*[Handwritten signature]*

Kigali, ku wa 14/09/2015

N/Ref.: Let. 368/DO/MA/09/2015

Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera/  
Intumwa Nkuru ya Leta  
**KIGALI**

*[Handwritten signature]*

**Impamvu:** Urutonde rw'Abavoka bazajya biyambazwa mu manza nshinjabyaha z'abatishoboye boherezwa kuburanira mu Rwanda

H.C. Greffe  
Reçu le 14/09/2015

Nyakubahwa Minisitiri,

Nshungiyeye ku ibaruwa N/Ref.: Let 368/DO/MA/2015 nabandikiye tariki 09/9/2015 ibashyikiriza Urutonde rw'abavoka 66 bazajya biyambazwa mu kunganira abatishoboye boherezwa kuburanira mu Rwanda mu manza nshinjabyaha hashingiwe ku masezerano inzego zacu zombi zifitanye apanye n'ubufasha mu by'amategeko ku batishoboye yashyizweho umukono mu kwezi kwa Gicurasi 2015;

Ndabamenyesha ko habayeho kwibeshya mu gutegura urwo rutonde kuko hari abavoka babiri bibagiranye kuri urwo rutonde kandi bari basabiye gushyirwa kuri urwo rutonde u gihe. abo akaba ari **Me Hishamunda Issacar na Me Gashirabake Abubakar.**

Akaba ariyo mpamvu nongeye kubashyikiriza Urutonde ruvuguruye ruriho n'abo bari bibagiranye ubwo bose hamwe bakaba 68.

Mbashiniye uburyo mwihanganira izo mpinduka ndetse n'ubufatanye mudahwema kutogaragariza.

Mugire amahoro.

**Me MUGENI Anita**  
Umukuru w'Inama y'Urugaga

URUGAGA RW ABAVOKA  
P.O. Box 3762 KIGALI - Tel: 252580600  
E-mail: info@rwandabar.org.rw  
www.rwandabar.org.rw

14/09/15  
*[Handwritten signature]*

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga/Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza ;
- Bwana Umushinjacyaha Mukuru ;
- Bwana Perezida w'Urukiko Rukuru ;
- Bwana Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imfungwa n'abagororwa (RCS) ;
- Bwana Umuyobozi Mukuru w'Ubugenzacyaha muri Polisi y'Igihugu (CID).



**URUTONDE RW'ABAVOKA BAZAJYA BIYAMBAZWA MU MANZA Z'ABATISHOBOYE BOHEREZAWA  
KUBURANIRA MU RWANDA**

	LAST NAME	FIRST NAME	TELEPHONE	E-MAIL
1	KARANGWA	Vincent AB**	+250786515997	karungwavin@yahoo.fr
2	KAZENEZA	Théophile	+250788513203	kazethéo@yahoo.fr
3	NSENGIYUMVA	Siraton	+250788613174	nsestra@yahoo.fr
4	SHEMA T	Gerald	+250788304732	shemger@yahoo.com
5	RWABIGWI	Augustin	+250788505577	ruhunga@yahoo.fr
6	UMUTESI	R. Jeanne d'Arc	+250788468471	maitre.jeannedarc@gmail.com
7	NKURUNZIZA	Jean Pierre	+250788522562	nkujeipi67@yahoo.fr
8	NYIRIDANDI	Assiel	+250788306282	anyilidandi@yahoo.fr
9	RUKUNDO	Emile	+250788513635	rukundo_emile@yahoo.fr
10	NDAMAGE	Ferdinand	+250788414707	ndamagef@gmail.com
11	KAYITANA	Dominique Savio	+250788532519	kayidom4@yahoo.fr
12	KARAKE	Canisius	+250788462533	karakec@yahoo.fr
13	BIZIMANA SHOSHI	Jean Claude	+250788562554	jeanclaudebiz@yahoo.fr
14	HAKIZIMANA	Théogène	+250788562022	theogehaki@yahoo.fr
15	BARINABO	Idris	+250788585826	baridris@yahoo.fr
16	MUKIZA BIN MUJIZI	Thaddée	+250788643870	muhizithaddee@gmail.com
17	BUGABO	Laurent	+250788409295	bugalaurent@yahoo.fr

2014

18	UMUPEASONI	Blandine	+250788471093	<a href="mailto:umubla78@yahoo.fr">umubla78@yahoo.fr</a>
19	KABERA	Johnson	+250788302432	<a href="mailto:johnsonkabera@gmail.com">johnsonkabera@gmail.com</a>
20	MUREKATETE B	Marguerite	+250788754071	<a href="mailto:mbmuleka@yahoo.fr">mbmuleka@yahoo.fr</a>
21	NGAMIJE KIRABO	Guido	+250788527020	<a href="mailto:guido_nk@yahoo.fr">guido_nk@yahoo.fr</a>
22	NTAGANDA KABARE	Ficsto	+250788531136	<a href="mailto:ntakafe@yahoo.fr">ntakafe@yahoo.fr</a>
23	BIGARABA RWAKA	John	+250788444869	<a href="mailto:bigarabajohn@gmail.com">bigarabajohn@gmail.com</a>
24	KABASENGA	Berthilde	+250788531743	<a href="mailto:uwonizeye@yahoo.fr">uwonizeye@yahoo.fr</a>
25	NDENGEYINGOMA	Louise	+250788511559	<a href="mailto:ndemalou@yahoo.fr">ndemalou@yahoo.fr</a>
26	MUBANGIZI	Frank	+250788302502	<a href="mailto:mubafra2002@yahoo.fr">mubafra2002@yahoo.fr</a>
27	TUGANUMUREMYI	Donata	+250788676762	<a href="mailto:donatug@yahoo.fr">donatug@yahoo.fr</a>
28	BIKOTWA	Bruce	+250788470696	<a href="mailto:brucebik@yahoo.fr">brucebik@yahoo.fr</a>
29	KARAMIRA	Jacques	+250788442258	<a href="mailto:jacqueskaramira@yahoo.fr">jacqueskaramira@yahoo.fr</a>
30	TWAGIRAYEZU K	Christophe	+250788595411	<a href="mailto:twakanchr@yahoo.fr">twakanchr@yahoo.fr</a>
31	MUSONERA	Alexis	+250788403812	<a href="mailto:musalex2002@yahoo.fr">musalex2002@yahoo.fr</a>
32	SEBAZUNGU	Alphonse	+250788301096	<a href="mailto:alsebazungu@gmail.com">alsebazungu@gmail.com</a>
33	MUNYURANGABO	Dominique	+250788435895	<a href="mailto:munyurangabodominique@yahoo.com">munyurangabodominique@yahoo.com</a>
34	MUTUNZI	Donat	+250788855121	<a href="mailto:dmutunzi@yahoo.fr">dmutunzi@yahoo.fr</a>
35	HABINSHUTI	Yves	+250788290546	<a href="mailto:yveshuti@yahoo.fr">yveshuti@yahoo.fr</a>
36	RWAKAYIJAM	John	+250788511570	<a href="mailto:thaica_jr@yahoo.com">thaica_jr@yahoo.com</a>
37	NIZEYIMANA	Boniface	+250788538566	<a href="mailto:boniface@ksolutions.law.com">boniface@ksolutions.law.com</a>
38	BAREMERA	Jean Berchmas	+250788770708	<a href="mailto:baberchm@yahoo.fr">baberchm@yahoo.fr</a>

2013

A



39	RWISUMBURA UMUTONI	The,ese	+250788791133	<a href="mailto:theddy002@yahoo.fr">theddy002@yahoo.fr</a>
40	NGABONZIZA	Joseph	+250788757121	<a href="mailto:ngabo_jeff@yahoo.fr">ngabo_jeff@yahoo.fr</a>
41	RUTAGENGWA	Mukiga	+250788589305	<a href="mailto:mukigasafari@gmail.com">mukigasafari@gmail.com</a>
42	BIZIMANA	Léopold	+25078851416	<a href="mailto:bizimanaleopold@yahoo.com">bizimanaleopold@yahoo.com</a>
43	SESONGA	Théobald	+250788291004	<a href="mailto:tsesonga@yahoo.com">tsesonga@yahoo.com</a>
44	NSENGIYUMVA	Enos	+250788357308	<a href="mailto:nscngenos@yahoo.fr">nscngenos@yahoo.fr</a>
45	HABIMANA	Bonaventure	+250788389776	<a href="mailto:bonabyirasa@yahoo.fr">bonabyirasa@yahoo.fr</a>
46	MUTIMURA B	Patrick	+250788309279	<a href="mailto:pmutimura@gmail.com">pmutimura@gmail.com</a>
47	RWAMAKUBA	Laurent	+250788614604	<a href="mailto:laurent.rwamakuba@yahoo.fr">laurent.rwamakuba@yahoo.fr</a>
48	KWIZERA	Bernard	+250788440787	<a href="mailto:bernardkwi2020@yahoo.fr">bernardkwi2020@yahoo.fr</a>
49	MUHISONI	Stella Matutina	+250788745742	<a href="mailto:mstatutina2006@yahoo.fr">mstatutina2006@yahoo.fr</a>
50	NYEMBO	Emeline	+250788847615	<a href="mailto:enyembo@yahoo.fr">enyembo@yahoo.fr</a>
51	MURARA	Olette	+250788504290	<a href="mailto:ode.murara@gmail.com">ode.murara@gmail.com</a>
52	SEBAZUNGU A	Cathérine	+250788303176	<a href="mailto:alsebazungu@gmail.com">alsebazungu@gmail.com</a>
53	RWAGASANA	Innocent	+250788416420	<a href="mailto:rwaginnocent@yahoo.fr">rwaginnocent@yahoo.fr</a>
54	MUKANSANGA	Godeleine	+250727232988	<a href="mailto:godemuka@yahoo.fr">godemuka@yahoo.fr</a>
55	YATUBABARIYE	Jean Chrysostome	+250788540485	<a href="mailto:yatubabariyec@yahoo.fr">yatubabariyec@yahoo.fr</a>
56	MUKESHIMANA	Providence	+250788790759	<a href="mailto:providencemukेशha@gmail.com">providencemukेशha@gmail.com</a>
57	SEBAGABO M	Paul	+250788585684	<a href="mailto:sebpaul@rocketmail.com">sebpaul@rocketmail.com</a>
58	MUKARUGWIZA	Dinavelle	+250788898404	<a href="mailto:mukarug2007@yahoo.fr">mukarug2007@yahoo.fr</a>
59	UWAMARIYA	Consolée	+250788674920	<a href="mailto:uwadika08@yahoo.fr">uwadika08@yahoo.fr</a>
60	KABERUKA BISENGE	Claude	+250788304383	<a href="mailto:kabebise@yahoo.fr">kabebise@yahoo.fr</a>

2012

61	NANKAMISHA N	Thérèse	+2507885525	<a href="mailto:nankamisha@yahoo.fr">nankamisha@yahoo.fr</a>
62	NSANZIMFURA	Eugène	+250788844086	<a href="mailto:nsanzeugene2002@yahoo.fr">nsanzeugene2002@yahoo.fr</a>
63	RUGAMBAGIE	Albert	+250788304903	<a href="mailto:albertrugambage@yahoo.fr">albertrugambage@yahoo.fr</a>
64	YANKURJJE	Dative	+250788461430	<a href="mailto:yada1970@yahoo.fr">yada1970@yahoo.fr</a>
65	MULOMBI KABEYA	Augustin	+250783073865	<a href="mailto:mulombiaugustin@yahoo.fr">mulombiaugustin@yahoo.fr</a>
66	NDUTIYE	Yussuf	+250788502175	<a href="mailto:ndutiye@yahoo.fr">ndutiye@yahoo.fr</a>
67	HISHAMUNDA	Isacar	+250788526330	<a href="mailto:isahis@yahoo.fr">isahis@yahoo.fr</a>
68	GASHIRABAKE	Abubakar	+250788537232	<a href="mailto:abugash22@yahoo.fr">abugash22@yahoo.fr</a>

**Me Anita MUGENI**  
 RWANDA BAR  
 Dean of the Bar Council  
 UJUGUZA RWANDA BAR  
 P.O. BOX 1000 KIGALI - Tel: 25078800  
 Email: [info@rwandabar.org.rw](mailto:info@rwandabar.org.rw)  
[www.rwandabar.org.rw](http://www.rwandabar.org.rw)

# Annex C

Uwinkindi's letter to the president of the High Court, dated 24 September 2015 (attachments deleted)  
and uncertified translation

**OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION**

Kigali 24 September 2015

To the Honourable President of the Bench

in the case n° 0002/12/HCCI

B.P. 101, Kigali, Rwanda

E-mail: info.highcourt@judiciary.gov.rw

Through: The Director of Nyarugenge Prison (Prison 1930)

B.P. 14 Kigali, Rwanda

E-mail: pck1930@yahoo.com

**Subject:** Reaction to the List of counsels received from the Bench at trial on 23 September 2015  
in the case n° RP 0002/12/HCCI

Honourable President,

I. PREAMBLE

In the framework of the implementation of the directives given to me by the High Court during the recent hearing of 23 September 2015, when I was given a List of counsels to choose from, I am writing this letter to present my position thereon.

1. I would like to highlight once again that the National Public Prosecution Authority which is a party to my case, also played an important role in forcing on me counsels on whom it has influence to protect its own interest.
2. I would like to remind you again that the List of 66 counsels arose from the directives of the Ministry of Justice as prescribed in the Announcement (Annex 1). These directives

**OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION**

caused the removal of some counsels (their names do not appear on the List) from the documents forwarded to the ICTR on 22 January 2012 by the Rwanda Bar Association.

3. Honourable President, the List of 66 counsels finds its roots from the Ministry of Justice which is also the heart of the challenges I am facing in relation to my judicial and legal assistance (Annex 2).
4. In addition, the Ministry of Justice is also a party to my case against the Prosecutor General (Paragraph 1 of Article 162 of the *Constitution of the Republic of Rwanda*): “The National Public Prosecution Authority shall be under the authority of the Ministry in charge of Justice.”
5. Honourable President, I can see that 66 over 661 counsels on the List are qualified to provide judicial and legal assistance up to the level of the Supreme Court (see para 3). Messrs Ngabonziza and Hisbamunda are among that number and have agreed to collaborate with the Public Prosecution Authority to protect the interest of the latter.
6. During the hearing of 23 September 2015, I was requested more than 10 times to choose a counsel from the List that was handed over to me in court. I responded more than 11 times.
7. It reached a point where I was even given 30 minutes after which I should have responded, as mentioned on page 6 of the hearing records of 23 September 2015.
8. I would like to remind here that even when I was forced to respond, I explained that I came to court to show that I did not have any judicial and legal assistance, one of the major obstacles to my defence in accordance with my rights provided by the law. Other obstacles to judicial and legal assistance were related to the fact that we did not have the same position on the matter. This explains why there is a case file opened before the Mechanism. After providing my responses before the High Court, I was given a List of 68 counsels and was requested to go home with it and then forward to the Court my response.
9. It is in that context that I wanted to inform you the following on Friday 25 September at 11.00.

**OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION**

- A. Taking into account the List of 68 counsels who can provide judicial and legal assistance to accused persons transferred to Rwanda by the ICTR or other foreign jurisdictions;
  - B. Taking into account also the Announcement of 22 September 2015, related to providing judicial and legal assistance to the indigent and signed by Counsel Jean Vianney Nduwamungu, President of the Rwanda Bar Association;
  - C. Referring to paragraph 13 of the Amicus Curiae Brief of 26 April 2011, forwarded by the President of the Rwanda Bar Association under reference n° 147, where he highlighted having 686 counsels endowed with international experience and 360 counsels who had just started practicing;
  - D. Referring also to the List forwarded by the President of the Rwanda Bar Association to Emmanuel Mbarushimana, through a letter dated 6 April 2015, following the Decision of 25 March 2015 of the High Court's Specialised Chamber trying international and cross-border crimes ;
10. For the aforementioned, it is clear that:
- A. The Court itself publicly recognized that choosing one's counsels pursuant to the law is the very basis of the List of 68 counsels given to me to choose from and then provide a response, in accordance with the Decision of 25 March 2015 in relation to Mbarushimana, as indicated in the abovementioned Amicus Curiae Brief;
  - B. The List and the Announcement lead to the issue of FRW fifteen (15) million. This is not the question of choosing one's counsels because it is the High Court that forced me to choose from the List of counsels who would provide me judicial and legal assistance, and this constitutes the main reason of this letter. This List cannot constitute the basis of depriving me of my counsels and then become an instrument of fulfilling their objective of denying me the right to defence, which is provided by paragraph 3 of Article 18 of the Constitution of the Republic of Rwanda which stipulates that: "*the right to be informed of the nature and cause of charges and the*

**OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION**

*right to defence are absolute at all levels and degrees of proceedings before administrative, judicial and all other decision making organs”;*

C. The List contains names of counsels who were deliberately selected from the Amicus Curiae Brief that was used at the time of requesting for the transfer of ICTR cases to Rwanda and constitutes the basis of the Decision to transfer my case to Rwanda;

D. The reason of deliberately selecting them is related to the entire content of the Affidavit of the Ministry of Justice of 15 February 2011, reference n° 108. The Affidavit explains that there would not be any problem and that funds were available to ensure the successful conduct of these proceedings.

**II. COMMENTS ON THE LIST**

11. The List does not contain the names of the counsels of the international category that were mentioned in the Amicus Curiae Brief. This is the first aspect showing the deliberate selection. The Announcement also mentioned other counsels that are providing or have been providing legal assistance to accused persons transferred before Rwandan courts by international courts or other foreign jurisdictions. Here it is known that the counsels that pleaded in cases like ours are the defence counsels of a certain Charles Bandora. These counsels were initially paid by the Accused himself, but when the proceedings were half way, the Accused's financial position weakened and an additional amount of RFW 15 million mentioned by the President of the Rwanda Bar Association was later paid. Those counsels from the list have not pleaded in any known case which is similar to mine. Only the counsels they are forcing on me have pleaded in such cases.

12. The List clearly shows that some or all the counsels mentioned are counsels who are assigned. The Announcement diverts attention so that they should write to apply but taking into account the way the Prosecution was insisting before the High Court that Pastor Jean Uwinkindi will be assisted by these counsels; whether he likes it or not, this implies that these people agreed to follow to the letter the directives of the Public Prosecuting Authority and of those who appointed them.

**OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION**

13. It is evident that such counsels do not defend the interests of the Accused except just standing in court, without saying anything, without asking any question or without challenging the Prosecution arguments while they should do the contrary when examining the witnesses or following their depositions to be able to rely on the witness statements when defending the accused and providing judicial and legal assistance to their client. This is how counsels perform their functions. For example, during the proceedings of Charles Bandora, some of the Prosecution witnesses mentioned the names of the Prosecutors who prepared them by telling them what they should accuse him with in court and who even promised them a reward. Surprisingly, his counsels did not take it up from those controversial depositions that clearly talked about the Prosecution rewards, but decided to keep quiet as reported several times by different radio stations here in Rwanda. This was mentioned again by Martin Witteveen, an expert in the Rwandan Prosecution General Office, in paragraphs 41 to 44 of his report of 3 June 2015.
14. With regard to the abovementioned, the counsels constitute an obstacle to the interest of the Accused, starting from the counsels that were present in one case they managed to plead of *Bandora*. These counsels are criticized by Martin Witteveen and I did not stop highlighting it, and I am once again insisting that none from the counsels mentioned on the List can provide me with judicial and legal assistance.
15. Pursuant to paragraph 3 of Article 18 of the Constitution of the Republic of Rwanda, I have the right to judicial and legal assistance. The Defence should rely on the Prosecution depositions but up to now, this has become a very major obstacle. This goes together with the right to a counsel of one's choice as was publicly acknowledged by the Court and as it appeared in paragraph 12 of the Amicus Curiae Brief of 26 April 2011 of the President of the Rwanda Bar Association, filed before the ICTR in Arusha under reference n° 147. In addition, the Announcement of the Bar Association also insists on judicial and legal assistance.
16. Judicial and legal assistance provided by counsels of one's own choosing was also acknowledged by Counsel Mugabe, Secretary General of the Rwanda Bar Association



**OTP – UNCERTIFIED TRANSLATION**

before the Monitor in paragraph 39 of the monitoring report of 27 January 2015 under reference n° 840.

17. Withdrawing my experienced counsels for unfounded grounds is one of the elements that bring undue delay to the proceedings that is the very basis of the submission of the issue to the Mechanism

**III. CONCLUSIONS**

18. Honourable President of the High Court, I am reiterating my statements made at trial. First of all, I am being stripped off my right to defence and then I am forced to plead while this is why my response was not in detail. On this issue, I am insisting that I cannot choose from the List given to me because of the abovementioned obstacles. I am referring again to the way this issue is not seen in the same way by the Prosecution and the Court. This is the reason why the matter is now before the Mechanism and we are waiting for its ruling. I am once again requesting Rwanda to fulfil its commitments made before the transfer of my case to Rwanda, in this way I will be given a fair trial.

c.c.:

- The President of the Mechanism
- President of the High Court's Specialised Chamber  
trying international and cross-border crimes
- The National Public Prosecution Authority
- The Monitor of the Uwinkindi Case

Kigali, kuwa 24/09/2015

Nyakubahwa Prezida w'inteko mu rubanza n° RP 0002/12/HCCI

B.P 101 Kigali, Rwanda


Courriel (E-mail) : [info.highcourt@judiciary.gov.rw](mailto:info.highcourt@judiciary.gov.rw)



Binyujijwe ku buyobozi bwa gereza ya Nyarugenge (Prison 1930)

B.P 14 Kigali, Rwanda

Courriel (E-mail) : [pck1930@yahoo.com](mailto:pck1930@yahoo.com)



**Impamvu:** Igisubizo ku rutonde rw'abavoka nahamwe n'inteko y'abacamanza mu iburanisha ryo kuwa 23/09/2015, mu rubanza RP 0002/12/HCCI

Nyakubahwa Prezida,

### I. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo kubahiriza ibyo nasabwe n'Urukiko Rukuru mu iburanishwa riheruka ryo kuwa 23/09/2015, aho nahawe lisiti y'abavoka ngo ngomba guhitamo. Muri urwo rwego mboherereje iyi baruwa ijyanye n'icyo mbivugaho.

1. Ndifuzza kongera kubagaragariza ko Ubushinjacyaha Bukuru mburana nabwo bufite uruhare rukomeye mu kumpatira abavoka Ubushinjacyaha bufite ho ijambo mukurengera inyungu zabwo.
2. Nagiraga ngo mbibutse kandi ko urwo rutonde rw'abavoka 66 rukomoka ku mabwiriza ya Minisiteri y'Ubutabera nk'uko tubisanga mw'itangazo riri ku mugereka (umugereka wa 1). Amabwiriza yatanzwe yatunye aheza bamwe mu bavoka (amazina yabo ntaboneka kuri urwo rutonde) bari mu nyandiko Urugaga rw'abavoka mu Rwanda rwoherereje Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriwe ho u Rwanda (TPIR) ku ya 22/01/2012.

3. Bityo rero, Nyakubahwa Prezida. urwo rutonde rw'abavoka 66 rufite inkomoko ya rwo muri Ministeri y'Ubutabera kandi akaba ari nayo shingiro ry'ibibazo mu birebana n'ubwunganizi bwanjye (reba umugereka wa 2).
4. Ikindi kandi Minisiteri y'Ubutabera nayo ni umuburanyi mu rubanza mburana n'Ubushinjacya Bukuru (Ingingo ya 162 igika 1 y'*Itegekoshinga rya Repubulika ya Rwanda*) : « Igira iti. Ubushinjacyaha bukuru bwa Repuburika bugengwa mu mirimo. Yabwo na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze. »
5. Nyakubahwa Prezida, ndabona urwo rutonde rw'abavoka (abunganizi) 66 kuri 661 bafite ubushobozi bwo kunganira kugeza mu Rukiko rw'Ikirenga (reba umugereka wa 3) ari uruherekane rw'abavoka (abunganizi) 66 nk'uko Ngabonziza na Hishamunda bari mu bagize uwo mubare biyemeje gufatanya n'Ubushinjacyaha mu kurengera inyungu z' Ubushinjacyaha.
6. Mu iburanisha ryo kuwa 23/09/2015 nasabwe incuro zirenga icumi 10 ngo mpitemo umwavoka mururwo rutonde nari mperewe mu rukiko. Nasubije incuro zirenze cumi nimwe 11
7. Byageze naho mpabwa iminota mirongwitatu 30 ngombe maze gusubiza nkuko biri ku Rupapuro rwa gatandatu. Mu nyandiko mvugo y'urukiko yo kuwa 23/09/2015.
8. Aha nakwibutsa ko n'ubwo nahatirwaga gusubiza, nari natangiye mvuga ko nitabye kugira ngo mbagaragarize ko ntafite ubwunganizi, kimwe mu nzitizi zikomeye kugira ngo mbashe kwiregura mu burenganzira mpabwa n'amategeko. Izindi nzitizi zijyanye n'ikibazo cy'ubwunganizi, zari zikubiye mu kwerekana ko, uko kutabibona kimwe aribyo byatumye hari dosiye iri muri Mecanisme Nyuma y'ibisubizo natangiye mu Rukiko Rukutu. nahawe LISITI iriho abavoka 68. Nsabwa ko nyitahana ngo nkazaboherereza igisubizo.
9. Ni muri urwo rwego nituje kubagezaho ibi bikurikira:kuwagatanu tariki ya 25/09/2015 saa 11h00
  - A. Maze kwitegereza iyo lisiti y'abavoka 68. ngo bo kuburanira abantu boherejwe n'Urukiko mpanabyaha Mpuzamahanga ku rwanda TPIR, n'ibindi bihugu ;
  - B. Maze kubona itangazo ryo kuwa 22/09/2015, ryerekeye kuburanira abatishoboye, ryashyizweho umukono na Me Jean Vianney NDUWAMUNGU, umukuru w'Urugaga rw'Abavoka mu Rwanda ;
  - C. Nshingiye kuri Amicus Curiae yo kuwa 26 April 2011. yatanzwe n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwandakuri cote 147, igika cya 13,

aho yagaragaje ko afite abavoka 686 b'inzobere mu manza ku rwego mpuzamahanga, hamwe n'abavoka 360 b'abatangizi ;

D. Nifashishije urutonde umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda yoherereje Emmanuel MBARUSHIMANA, mu ibaruwa yo kuwa 06/04/2015, bitegetswe n'unukiko Rukuru, urugereko ruburanisha abyaha mpuzamahanga n'ibyambukiranya imbibi. mu cyemezo cyarwo cyo kuwa 25/03/2015.

10. Mpereye ku byavuzwe haruguru ndasanga bigaragara ko:

A. Urukiko ubwarwo rwemera ihame ryo kwihitiramo abunganizi umuburanyi ahabwa n'amategeko, ariyo mpamvu haba kubirebana n'iriyi LISITI y'abavoka 68 nahawe ngo nzahitemo nohereze igisubizo, haba ibyakozwe mu cyemezo cyo kuwa 25/03/2015 kuri MBARUSHIMANA, kimwe n'ibivugwa muri Amicus Curiae byose byavuzwe haruguru.

B. Urutonde kimwe n'itangazo byerekeza ku kibazo cy'amafaranga miliyoni cumi n'eshanu.15 Ntabwo ari ikibazo cyo kwihitiramo abunganizi kuko Urukiko Rukuru nirwo rwansabye (rwantegetse) guhitamo kuri iyo lisiti abanyunganira, ari naho haturutse impamvu nyamukuru y'iyi baruwa. Iyi lisiti ntiyaba impamvu yo kwamburwa abavoka banjye ngo hafatwe umugambi wo kuburizamo uburyo bwo kwiregura no kunganirwa mpabwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18. igika cyaryo cya gatatu, aho rigira riti:kwirigura no kunganirwa ni uburenganzira budahungabanywa mu bihe byose, ahantu hose, mu nzego zose z'ubutegetsi iz'ubucamanza n'izindi zose zifata ibyemezo.

C. Urutonde ikiruriho ni abavoka bajogowe mu bavoka Amicus Curiae yakoresheje isaba iyoherezwa ry'imanza mu Rwanda zivuye muri TPIR, ari naho havuye imyanzuro yo kunyohereza hano mu rwanda.

D. Impamvu yo kubajonjora ihabanye n'ibivugwa muri Affidavit ya Ministiri w'ubutabera yo kuwa 15 February 2011. cote 108 yose uko yakabaye. Isobanura ko nta kibazo kizabaho kuko yerekana ko amafaranga ahai kugira ngo habe imigendekere myiza y'izo manza.

## II. INENGE YA LISITI

11. Urwo rutonde ntirugaragaraho abavoka bavuzwe muri Amicus Curiae, bo ku rwego mpuzamahanga, icya mbere kigaragaza ko bajonjowe. Ikindi ni uko mu itangazo havuga ngo hari n'abandi bunganira cyangwa bagiye bunganira abakurikiranyweho ibyaha boherezwa n'inkiko mpuzamahanga cyangwa ibindi

bihugu. Aha ikizwi ni uko abavoka bigeze kuburana imanza nk'izi zacu, ni abavoka buwitwa Charles BANDORA ubwe yihemberaga, ageze mu rubanza hagati, ingufu ziba nkeya, bongererwa miliyoni cumi n'eshanu 15 zivugwa n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda. Nta zindi manza zizwi, zaburanyemo abavoka nk'abavugwa uretse abo bampambiraho.

12. Urwo rutonde, icyagaragaye ni uko bamwe mu bariho cyangwa se bose, ni abavoka bagenwa. Itangazo riyobya uburari ngo bazandike babisaba ariko hakurikijwe ukuntu ubushinjacyaha bwabwiraga Urukiko Rukuru ngo Pasteur Jean UWINKINDI abo bavoka bazamuburanira abyemera atabyemera, bivuga ngo ni abantu baba bemeye gukurikiza ibyo ubushinjacyaha n'ababashyiraho bavuga.
13. Icyagaragaye ni uko abavoka nk'abo, ntabwo baharanira inyungu z'uregwa uretse guhagarara mu rukiko. ntibavuge. ntibabaze cyangwa ngo bavuguruzanye n'ubushinjacyaha kandi ariko bigomba kugenda, ngo babaze abatangabuhamya cyangwa ngo bakurikirane ibyo bavuga kugira ngo babyifashishe mu gufasha uwo bunganira bahereye ku byo batangaza maze bamushinjura dore ko ariko kazi kabo nk'abunganizi. Urugero ni aho abatangabuhamya mu rubanza rwa Charles BANDORA bamwe mu batangabuhamya b'ubushinjacyaha bavuze amazina y'abashinjacyaha babateguriye ibyo bazamushinje ndetse bakabemerera n'ibihembo. Icyatangaje ni uko abo bavoka be batahereye kuri izo mvugo zivuguruza kandi zikagaragaza ibihimbano by'ubushinjacyaha. ahubwo bakicecekerank'uko byavuzwe kenshi ku maradiyo atandukanye hano mu Rwanda. Ibi bikaba byaragarutseweho na MARTIN WITTEVEEN, umu EXPERT w'ubushinjacyaha bukuru hano mu Rwanda. muri rappeort ye yo kuwa 03/ June 2015, mu bika bya 41 kugeza kuri 44.
14. Ku bw'ibi bivugwa haruguru, abavoka babangamira inyungu z'uregwa uhereye ku bavoka bagaragaye mu rubanza rumwe bashoboye kuburana rwa BANDORA, bakaba banengwa n'uyu mu MARTIN WITTEVEEN nanjye nkaba ntarahwemye kubigaragaza, nongeye kubishimangira ko ntawamburanira urimo.
15. Kunganirwa ni uburenganzira bwanjye mu kwiregura nk'uko byemezwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 18. igika cya gatatu. Kwiregura kugashingira ku buhamya bushinjura ariko ibyo kugeza ubu bikaba byarabayeho imbogamizi ikomeye. Bijyana kandi n'umwavoka umuntu yihitiyemo nk'uko ikigaragara n'urukiko rwemera iryo hame. bikaboneka no muri Amicus Curiae

yo kuwa 26 April 2011, yatanzwe Arusha n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda cote ya 147 igika cya 12. Ikindi ni uko itangazo ry'urugaga rw'abavoka naryo rishimangira ukunganirwa.

16. Kunganirwa n'abavoka umutnu yihitiyemo byongera gushimangirwa na Me MUGABE, umunyamabanga mukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda aho yabibwiye Monitor muri Raporo yo kuwa 27 January 2015 cote 840 mu gika cya 39.

17. Kwamburwa abavoka b'inzobere ku mpamvu zidasobanutse bikaba kimwe mu bidindiza urubanza, cyatumye ikibazo kigera muri Mecanisme.

### III. UMWANZURO

Mu gusoza, nyakubahwa Perezida w'Urukiko Rukuru, ndongera kwitsa, ku byo navugiyeye mu rukiko. Mbere na mbere, ndavutswa uburenganzira bwo kunganirwa ahubwo ngahatirwa kuburana ari cyo cyatumye mu bisubizo natanze byabaga bitarambuye. Ku bw'ibyo, ngashimangira ko ntashobora guhitamo ku rutonde nahawe ku mpamvu zijyanye n'inzitizi natanze. Nkagaruka ku kuntu iki kibazo tutavugaho runwe haba ubushinjacyaha n'urukiko aribyo byatumye urubanza ubu ruri muri mecanisme, aho dutegeeje imyanzuro izavamo. Nkongera gusaba ko hakubahirizwa ibyo u Rwanda rwemeye mbere y'uko hafatwa ibyemezo byo kunzana kuburanira hano mu Rwanda, bityo nkabona ubutabera bunyuze mu mucyo.

#### BIMENYESHEJWE:

- Perezida WA MECANISME
- Perezida w'urugereko rwihariye rushizwe kuburanisha urubanza
- Murwego rwa Mecanisme
- ✓ - Ubushinjacyaha bukuru
- Monitor for the Uwinkindi case
- 

Pasteur Jean UWINKINDI 

# Annex D

Decision of the High Court of Rwanda, 29  
September 2015

Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

URUKIKO RUKURU, URUGEREKO RWIHARIYE RUBURANISHA IBYAHA BYO MU RWEGO MPUZAMAHANGA N'IBYAHA BYAMBUKA IMBIBI, RURI I KIGALI RUHABURANISHIRIZA URUBANZA RW'INSHINJABYAHA MU RWEGO RWA MBERE RUKIJIJE MU RUHAME URUBANZA RUBANZIRIZA URUNDI MU RUBANZA RP 0002/12/HCCI MU RUHAME KUWA 29/09/2015 MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA

UBUSHINJACYAHA

na

UREGWA:

UWINKINDI Jean mwene Subwanone na Nlizisigwa wavutse mu 1951 muri Rutsiro mu cyahoze ari perefegitura ya Kibuye, muri Repubulika y'u Rwanda, kugeza muri 1994 yari atuye mu cyahoze ari Kigali Ngali, muri komine Kanzeze, secteur Kayumba, selire Gatare; yashakanye na Kabagwira Rose, bafitanye abana umunani(8), umupasitori, umunyarwanda, ntacyo atunze, ubu akaba atungiyeye muri Gereza Nkuru ya Kigali nyuma yo koherezwa mu Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga washyirwaho u Rwanda kugira ngo akurikiranwe ku byaha akekwaho yaba yarakoreye mu Rwanda. Yunganiwe na Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Issacar.

IBYAHA AREGWA:


- icyaha cya jenocide giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 114 na 115 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda, n'ingingo ya mbere ndetse n'ya 3(c) ya 'Convention on the Prevention and punishment of the Crime of Genocide';
- icyaha cy'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyoko-muntu giteganywa kandi gihanishwa ingingo za 120 agace kayo ka 2 ndetse n'ingingo ya 121 z'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha mu Rwanda.



<sup>1</sup> icyemezo cya General Assembly Numero 206(iii)cyo kuwa 9 december 1948 cyasinywe n'u Rwanda kandi kinjizwa mu mategeko y'u Rwanda n'itegeko-iteka numero 08/75 yo kuwa 13/02/1975. bishyirwa mu Igazeti ya Leta y'u Rwanda(1975), p 230.



Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI



**I. IMITERERE Y'IKIBAZO**

1. Mu iburanisha ryo kuwa 23/09/2015, Ubushinjacyaha ~~bwasabye ko hakwemezwa ko~~ mu nyungu z'ubutabera no mu rwego rwo kugera ku rubanza ruboneye, UWINKINDI Jean yahabwa urutonde rushya rw'abavoka bemerewe kuzajya bunganira abaregwa mu manza zavuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga washyiriweho u Rwanda n'izavuye mu bindi bihugu rwatanzwe n'Urugaga rw'abavoka akihitiramo.
2. Hakaba hagomba gusuzumwa niba ari ngombwa ko UWINKINDI Jean ahabwa urutonde rushya rw'abavoka kugira ngo yihitiremo abamwunganira aho gukomeza kunganirwa n'abo yagenewe n'Urugaga rw'abavoka.

**II. ISESENGURA RY'IKIBAZO KIGIZE URUBANZA**

3. Ubushinjacyaha, nyuma yo kubona ko UWINKINDI Jean adashaka gukorana n'abavoka yagenewe n'urugaga rw'abavoka ari bo Me HISHAMUNDA Issacar na Me NGABONZIZA Joseph, ~~bwasabye ko hakwemezwa ko~~ mu nyungu z'ubutabera no mu rwego rwo kugera ku rubanza ruboneye, UWINKINDI Jean yahabwa urutonde rushya rw'abavoka bemerewe kuzajya bunganira abaregwa mu manza zavuye mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga washyiriweho u Rwanda cyangwa izavuye mu bindi bihugu rwatanzwe n'Urugaga rw'abavoka akihitiramo.
4. Busobanura ko nubwo hafashwe ibyemezo mu nyungu z'ubutabera by'uko Me HISHAMUNDA na Me NGABONZIZA baguma mu rubanza, nubwo UWINKINDI Jean atabemera, butekereza ko icyaricyo cyose cyatuma haba urubanza ruboneye cyakorwa kugira ngo ibibazo bikemuke. Ubushinjacyaha bukaba busaba ko, nubwo hari ibyemezo byinshi byagiye bifatwa, kuba harabonetse urutonde rw'abavoka rushya, aho Urugaga rwahisemo abavoka babifiliye ubushobozi n'ubunararibonye, UWINKINDI Jean yahitamo abo bashobora gushyikirana nabo bakamwunganira kugira ngo urubanza rukomeze, noneho yaba abahisemo Me HISHAMUNDA na Me NGABONZIZA bayiraho, bikaba amahire.
5. Busaba ko mu gihe yaba yanze kugira abo ahitamo kuri urwo rutonde, byafatwa nk'aho yivukije uburenganzira ahabwa bwo kugenerwa abamwunganira, noneho urukiko rukagena abavoka baba nk'indorezezi (abo ubushinjacyaha bwise abavoka ba 'protocole').
6. UWINKINDI Jean avuga ko kugeza ubu atunganiwe kandi ko adashobora guhitamo abamwunganira ku rutonde rushya rw'abavoka yahawe kuko hatagaragaramo abavoka bo ku rwego mpuzamahanga bavuzwe mu rutonde rwatanzwe n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda mu

Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

rubanza rwabaye kuwa 26/04/2011 mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga washyiriweho u Rwanda aho urugaga rw'abavoka mu Rwanda rwaburanye mu rwego rwa 'amicus curiae', kandi ko urwo rutonde rushya rutaba impamvu yo kwamburwa abavoka be ngo hafatwe umugambi wo kuburizamo uburyo bwo kwiregura no kunganirwa ahabwa n'itegeko Nshinga .

7. Me NGABONZIZA na Me HISHAMUNDA bavuga ko basomye dosiye kandi biteguye kuburana ariko ko bagize imbogamizi bitewe n'uko UWINKINDI Jean yanze gushyikirana nabo.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

8. Ku itariki ya 21/01/2015, urukiko rumaze kubona ko UWINKINDI Jean alunganiwe kuko Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste bivanye mu rubanza, rwafashe icyemezo cyo gusaba inzego zibishinzwe kumufasha kubona ubwunganizi.
9. Ku itariki ya 05/02/2015, UWINKINDI Jean yitabye Urukiko hari na Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Issacar bagenwe n'Urugaga rw'abavoka kugira ngo basimbure Me GATERA GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste mu kunganira UWINKINDI Jean. UWINKINDI Jean yamenyesheje Urukiko ko Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Issacar atari abunganizi be kuko asanga bagenwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko bitewe n'uko atahawe urutonde rw'abavoka ngo yihitiremo.
10. Ku itariki ya 06/02/2015, urukiko rwafashe icyemezo ko Me NGABONZIZA Joseph na Me HISHAMUNDA Issacar bagenwe n'Urugaga rw'abavoka nk'abunganizi b'UWINKINDI Jean mu buryo bukurikije amategeko.
11. UWINKINDI Jean yajurirye icyo cyemezo mu Rukiko RwiKirenga. Ku itariki ya 24/04/2015 mu rubanza RPA 0011/15/CS, urwo rukiko rwemeje ko icyo cyemezo kigumyeho.
12. Ku itariki ya 02/06/2015, Ubushinjacyaha kwasabye ko mu gihe UWINKINDI Jean akomeje kwanga abavoka yagenewe nk'utishoboye, busaba urukiko gutata icyemezo cyo kubagumisha, bagahabwa itabwo mu rubanza, mu nyungu z'ubutabera kubera ko urubanza rukomeye.
13. Ku itariki ya 09/06/2015, urukiko rwafashe icyemezo cy'uko mu nyungu z'ubutabera no mu rwego rwo kubahiriza ihame ry'uko ababuranyi bagomba guhabwa amahirwe angana ajyanye n'uburyo bw'imiburantse (égalité des armes), UWINKINDI Jean agomba kunganirwa n'abavoka yagenewe nubwo atabashaka. Rwemeje ko nubwo atemera abo



Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

bunganizi, ubumenyi bwabo nk'abanyamwuga buzatuma urukiko rurushaho kugera ku rubanza ruboneye.

14. Urukiko rusanga ibisabwa n'Ubushinjacyaha nta shingiro bifite kubera impamvu zikurikira:

- Ku bijyane no guha UWINKINDI Jean uburenganzira bwo kwihitiramo abunganizi, nk'uko byagaragajwe mu bika bya 10/08/11, urukiko rwabifasheho umwanzuro ndakuka ku buryo rudashobora kubigarukaho.
- Ku bijyanye n'urutonde rushya rw'abavoka bazajya biyambazwa mu manza nshinjabyaha z'abatishoboye boherezwa kuburanira mu Rwanda rwatanzwe n'Urugaga rw'abavoka, urukiko rusanga urwo rutonde nta gishya ruzana muri uru rubanza cyane ko Me HISHAMUNDA na Me NGABONZIZA baruhohotse na UWINKINDI Jean akaba yaranditse avuga ko nta mwunganizi wo kuri urwo rutonde yahitamo kuko hatagaragaramo abavoka bo ku rwego mpuzamahanga bavuzwe mu rutonde rwatanzwe n'umukuru w'urugaga rw'abavoka mu Rwanda mu rubanza rwabaye kuwa 26/04/2011 mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga washyirirweho u Rwanda, aho urugaga rw'abavoka mu Rwanda rwaburanye mu rwego rwa 'amleus curiae'.



- Ku bijyanye no kwemeza ko UWINKINDI Jean yaba yivukije uburenganzira bwo kunganirwa mu gihe yaba atemeye guhitamo abunganizi ku rutonde rushya. Urukiko rusanga rutakwemeza ko UWINKINDI Jean yivukije uburenganzira bwo kunganirwa, kuko mu cyemezo rwafashe kuwa 09/06/2015 rwemeje ko mu nyungu z'ubutabera UWINKINDI Jean agomba kunganirwa yaba abyemeraga, cyangwa atabyemeraga;
- Ku bijyanye n'imbogamizi zishingiye ku kuba UWINKINDI Jean adashyikirana n'abunganizi yagenewe, Urukiko rusanga na byo atari bishya kuko ubwunganizi bwabo budashingiye gusa mu gushyikirana na UWINKINDI Jean ahubwo bushingiye cyane cyane kubunararibonye bafite mu gusesengura ikirego n'ibimenyetso, cyane ko ibikorwa (les faits) n'ubuhamya bunyuranye bishingirwaho n'Ubushinjacyaha burega UWINKINDI Jean byasesenguwe ku buryo burambuye n'abunganizi ba mbere (aribo Me GASHABANA na Me NIYIBIZI Jean Baptiste) UWINKINDI Jean yemeraga kandi bashyikiranaga, bikorwa mu nyandiko no mu iburanisha nk'uko bigaragazwa n'imyanzuro yabo n'inyandiko-mvugo z'iburanisha.
- Kubijyanye no gushyiraho abavoka ba 'protocols' mu gihe UWINKINDI Jean yaba yivukije uburenganzira bwo kunganirwa, Urukiko rusanga amategeko y'u Rwanda nta b'abavoka ba 'protocol' ateganywa, abateganywe ari abunganira cyangwa abahagararira ababuranyi.

Icyemezo mu rubanza RP 0002/12/HCCI

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

15. Urukiko rwemeje ko icyifuzo cy'Ubushinjacyaha nta shingiro gifite;
16. Rutegetse ko iburanisha rizasubukurwa ku itariki ya 15/10/2015 saa mbili n'igice.

RUKIJIJWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE TARIKI YA 29/09/2015.

Sé  
NGENDAKURIYO R. Alice  
Perezida

Sé  
KANYEGERI Timothée  
Umucamanza

Sé  
NSANZIMANA Fidèle  
Umucamanza

Sé  
UWASE Zila  
Greffier

Copie certifiée conforme à l'original  
Fait à KIGALI, le 02/10/2015  
Greffier: U. M. A. S. E. ...

